



Repubulika y'u Rwanda

Intara y'Iburengerazuba

Akarere ka Karongi



KARONGI NEWSLETTER

INKINGI Z'IMPINDURAMATWARA Z'AKARERE KA KARONGI

“UBUFATANYE, UMURIMO UNOZE, TWIHUTE MU ITERAMBERE”





INKURU NYAMUKURU



**KWIZIHIZA UMUGANURA KWIZA NI
UGUFATA INGAMBA ZO KUGERA
KURI BYINSHI KURUSHAHO**

KANAMA 2023



**UMUTEKANO W'U
RWANDA URADADIYE-
COL RUGAMBWA**

>>> Soma Paji ya 5

Soma Paji ya 14



>>> Soma Paji ya 16

**DUTERIMBERE NA TROCAIRE
BAGIYE GUHANGANA
N'IMIHINDAGURIKIRE
Y'IKIRERE MU BATUYE
KARONGI**



>>> Soma Paji ya 7

**UBUFATANYE HAGATI
YA LETA N'ABIKORERA
BWATANGA AMAHIRWE
Y'AKAZI KU RUBYIRUKO
N'ABAGORE**



>>> Soma Paji ya 9

**BA MUTIMAWURUGO
BAHIGIYE GUHANGANA
N'IBIBAZO BYUGARIJE
IMIBEREHO MYIZA
Y'ABATURAGE**



>>> Soma Paji ya 15

**ABANYAMABANGA NSHINGWABIKORWA
B'IMIRENGE BEMEREYE UMUYOBOZI
W'AKARERE KO BATAZATEZUKA MU
KWESA IMIHIGO**

**INKINGI Z'IMPINDURAMATWARA ZA KARONGI
UBUFATANYE, UMURIMO UNOZE, TWIHUTE MU ITERAMBERE**

AKARERE N'ABOROZI BAGANIRIYE KU CYATUMA UMUKAMO W'INKA WIYONGERA



Tariki ya 1 Kanama 2023, ku biro by'Akarere habereye inama ku iterambere ry'inka zitanga umukamo yahuje ubuyobozi bw'Akarere, ba Veterineri b'imirenge, aborozi, abagize ihuriro ry'aborozi b'inka mu karere na komite nyobozi na ngenzuzi za Koperative Inka Irarera y'i Rubengera. Baganiriyemo ku birimo ingamba zo kongera umukamo, nuko wabyazwa umusaruro, ukagurishwa ku kiguzi kibereye umworozi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinze imibereho myiza, Madamu MUKASE Valentine yababwiye ko igihe kigeze ngo aborozi bahagurukire ubworozi bugezweho butanga umukamo ukwiye, utuma batanga imbere nabo bagafasha abandi, yaberetse amahirwe y'isoko ry'Uruganda Inyange na mpuzamipaka rya Ruganda.

NYAMURINDA Protais uhagarariye aborozi mu Karere, avugaga ko umworozi akwiye kongera umukamo inka igakamwa byibura litiro 10, imwinjirize Frw 3000 ku munsu, akinjiza asaga miliyoni ku mwaka, bityo agatera imbere. Abibutsa kwitabira ubwishingizi bw'amatungo kugirango borore batekanye. Muri aka karere habarurwa inka zitanga umukamo zisaga ibihumbi 55 mu ngo zisaga ibihumbi 40.



Veterineri w'Akarere asobanura uko ubworozi buhagaze

AKARERE GASHYIZE IMBERE GUHANGA UDUSHYA TUZAMURA IMIBEREHO Y'ABATURAGE



Tariki ya 1 Kanama 2023, habaye inama yahuje Komisiyo y'imiyoborere Myiza ya Njyanama n'ihuriro ry'abafatanyabikorwa b'akarere mu iterambere-JADF, yibanze ku mihigo yo mu rwego rw'imiyoborere myiza.

Umuyobozi w'Akarere, Madamu MUKARUTESI Vestine yavuze ko bagamiye gukomeza guhanga udushya dufasha mu kwishakamo ibisubizo byo gukemura ibibazo by'abaturage. Ni nyuma y'utundi twahanzwe muri aka karere: **'Umucyo Karongi', 'Mwana wiriwe ute', 'Mfata ngufate'**.

Perezida wa Komisiyo y'imiyoborere myiza Madamu MUKANDEKEZI Françoise avuga ko uteza imbere imiyoborere myiza aba agamiye ineza y'igihugu n'abagituye. By'umwihariko avuga ko bazafasha akarere mu guhanga utwo dushya tujyana no gukemura ibibazo by'abaturage.

Mu mwaka 2023/2024, Akarere kahize imihigo 113, irimo 23 y'imiyoborere myiza, 62 y'imibereho myiza na 28 yo mu rwego rw'ubukungu.



Abitabiriye inama

KWIZIHIZA UMUGANURA KWIZA NI UGUFATA INGAMBA ZO KUGERA KURI BYINSHI KURUSHAHO



Tariki ya 4 Kanama 2023 hijihijwe Umunsi w'Umuganura. Ku rwego rw'Akarere ibirori byabereye mu Murenge wa Rwankuba, aho umushyitsi mukuru yari Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Madamu MUKARUTESI Vestine. Hari kandi abarimo umuyobozi wa Polisi ndetse n'abaturage.



Mu birori bibereye ijisho, Umuyobozi w'Akarere yashimiye abaturage uburyo bitabiriye umurimo mu mwaka ushize, bakishimira ibyo bagezeho. Yunzemo ko ari umwanya wo guhiga no gufata ingamba zo kugera kuri byinshi kurushaho umwaka utaha bikazatuma bishima kurushaho.



Yongeyeho ko Umuganura ushimangira isoko y'ubumwe bw'Abanyarwanda butuma bagera kuri byinshi kuko abishyize hamwe nta kibananira, ni ishingiro kandi ryo kudaheranwa kuko ibyaba byose babitambukamo neza.





Umuyobozi wa Polisi mu Karere ka Karongi SP MUSONI Wilson asaba abaturage guharanira umutekano, birinda amakimbirane yo mu muryango kuko ari byo bizatuma bakomeza kwishimira ibyo bagezeho, bakagera no ku birenzeho.



KWIZIHIZA UMUGANURA BYARANZWE NO KUGABURIRA ABANA



Nyirahabayo Dative, umuyobozi wa Koperative y'abahinzi b'ibirayi ya Rwankuba-KAIUBRWA avuga we na bagenzi be bageze kuri 46 biteje imbere kubera ubuyobozi bwiza, ubu bakaba bishimiye kuganura umusaruro wabo banateganya kuwongera ukagera ku baturage bose ba Rwankuba.



Muri ibi birori habayeho kugabira inka imiryango ine itishoboye biciye mu kwitura kw'abahawe Girinka. Abaturage kandi bamuritse umusaruro bejeje, mu gihe abana bato bahawe indyo yuzuye iriho igi mu rwego rwo gushishikariza umuryango kwigira urwanya imirire mibi.



UBUFATANYE HAGATI YA LETA N'ABIKORERA BWATANGA AMAHIRWE Y'AKAZI KU RUBYIRUKO N'ABAGORE



Tariki ya 18 Kanama 2023, mu Karere ka Karongi habereye inama nyunguranabitekerezo ku iterambere ry'umurimo unozze yahuje abikorera, imiryango ya sosiyete sivile n'inzego zitandukanye za leta, yateguwe ku bufatanye bw'inzego zirimo akarere, Minisiteri y'abakozi ba Leta n'umufatanyabikorwa ENABEL.

Atangiza iyo nama, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Madamu MUKARUTESI Vestine yavuze ko muri aka karere kimwe no mu gihugu, igipimo cy'ubushomeri cyazamutse ugereranyije no mu myaka ishize, ibyo abona ko ari umukoro kuri Leta no ku bikorera guhuza imbaraga ngo hahangwe imirimo iziba icyo cyuho.

Asanga ari igihe cyo gushishikariza urubyiruko kwitabira amashuri y'imyuga n'ubumenyi ngiro kuko byagaragaye ko abayarangije babona akazi ugeranyije n'abize mu mashuri asanzwe. Abiganjemo urubyiruko n'abagore bazakomeza guhabwa ubumenyi, bashishikarizwa guhanga imirimo mishya.

Ibarura rusange riheruka mu 2022, ryagaragaje ko abatuye Akarere ka Karongi ari 373,869 mu gihe ubushakashatsi ku bakora n'abadakora bwo muri uwo mwaka bwerekana ko igipimo cy'abakora kiri kuri 39.6%, icy'ubushomeri kiri kuri 22.7%.



BA MUTIMAWURUGO BAHIGIYE GUHANGANA N'IBIBAZO BYUGARIJE IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE



Kuwa 20 Kanama 2023, ku Karere ka Karongi hateranye Inama Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore ifite insanganyamatsiko igira iti: " MUGORE SERUKA TWUBAKE UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE"

Umushyitsi Mukuru yari Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Madamu MUKARUTESI Vestine wavuze ko imihigo ba Mutimawurugo basinye bagomba kuzayesa 100%.

Yungamo ko Mutimawurugo agomba kugaragara muri byose biteza imbere abaturage n'igihugu nka gahunda ya Dusasirane, Gukurungira inzu n'ibindi bakaba ba nyambere.

Izindi gahunda basabwa kugaragaramo zirimo Umucyo Karongi, hari kandi

Igitondo cy'isuku bita ku Isuku kuko ari isoko y'ubuzima kandi na Mutimawurugo ikaba igomba kumuranga, abasaba kugira uruhare mu gutera indabo ahakikije kaburimbo iri muri aka karere.

MUKARUTESI avuga ko Mutimawurugo agomba kandi kurwanya igwingira, ashyira mu bikorwa gahunda ya Mwana wiriwe ute, arwanya amakimbirane mu muryango, aharanira kugira ingo zitwa ijuru rito.

Muri iyo ama habayeho gahunda yo kumurika ibyo Mutimawurugo yagezeho mu mwaka urangiye n'ibyo bateganya muri uyu mwaka mushya w'ingengo y'imari 2023/2024

AMAFOTO Y'IBYAKOZWE UWO MUNSI



AKARERE KAMURIKIWE RAPORO Y'AGATEGANYO Y'IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA



Kuwa 21 Kanama 2023, abayobozi b'Akarere ka Karongi n'abagize Inama Njyanama bagejejweho raporo y'agateganyo y'igishushanyo-mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka muri aka karere cyakozwe na sosiyete Union Construction Service Ltd biciye mu masezerano yagiranye n'ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubutaka.

Umuyobozi w'Akarere avuga ko mu gihe icyo gishushanyo mbonera kizaba kimaze kurangira kizakemura byinshi ku bijyanye n'imikoreshereze y'ubutaka; kikazafasha mu bijyanye no kunoza ishoramari ryo muri aka karere cyane ibijyanye n'irikorera ku Kiyaga cya Kivu. Ikindi ni uko bizafasha mu bijyanye n'imyubakire ijyanye n'igihe, bityo rika igisubizo ku baturage.



Projections of households (HHs) and Dwelling Units (DUs) per Sector in 2035

Sector name	Projected HHs in 2035	R1B		R1A		R1		R2		R3		R4		C1
		Area (ha)	DUs	Area (ha)	DUs	Area (ha)	DUs	Area (ha)	DUs	Area (ha)	DUs	Area (ha)	DUs	
Kinyurira	14,063	214,834	4,563	5,423	115	102,785	2,184	93,486	1,967	181,543	3,818	0.000	0	61,720
Karongi	7,943	411,989	5,549	72,107	971	3,325	43	11,807	159	12,433	437	0.000	0	13,539
Kyira	8,180	199,896	3,616	164,465	2,979	4,613	84	0.000	0	39,139	1,071	0.000	0	23,996
Ki	10,125	490,952	9,961	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	6,307
Kigga	8,104	226,016	4,313	111,321	2,124	0.000	0	6,491	124	19,941	1,177	0.000	0	27,814
Kambizi	7,227	617,808	6,411	88,874	922	0.000	0	0.000	0	26,671	277	0.000	0	11,296
Kundi	9,406	896,466	9,360	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	4,514
Kunyu	8,859	328,668	8,580	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	10,347
Kungura	13,931	312,272	4,372	796,448	9,441	0.000	0	0.000	0	0.000	0	0.000	0	10,347



“INTORE MU BIRUHUKO” HATANGIWEMO UBUTUMWA BWO GUSUBIZA MU ISHURI ABARIVUYEMO



Muri gahunda y'Intore mu biruhuko', iri kubera mu mirenge itandukanye y'Akarere ka Karongi, abanyeshuri, abayobozi n'ababyeyi bongeye kwibutswa kugira uruhare mu kugarura ku ishuri abana barivuyemo, abakirimo basabwa gukomeza kurikunda.

Ubwo bukungurambaga butangizwa mu Murenge wa Rubengera, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi wungirije ushinze imibereho myiza, Madamu MUKASE Valentine yavuze ko buzafasha kurushaho gukundisha abato ishuri, ababyeyi n'abayobozi bakabigira ibyabo ntihagire uwongera kurita.

Abicishije muri gahunda 'Murengere atararenga', CYUSA Ian Berulo washinze Berulo Foundation yabahaye ubuhamya bw'uko yigeze kuva mu ishuri mu gihe cy'imyaka 3 kubera kubura umusanzu w'ishuri, nyuma akarigarukamo hatangijwe gahunda y'uburezi kuri bose; abanyeshuri bigira ubuntu

Yababwiye uburyo nyuma yaje kwiga amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 (9 Years Basic Education), abona amanota amujyana kwiga kaminuza muri Kaminuza y'u Rwanda, aho yize icyiciro cya kabiri cyayo, ubu akaba ahiga icya gatatu (Masters).

Ahereye bizazane yahuye nabyo n'umuhate yagize wo gusubira mu ishuri, yifuza ko kubura iby'ibanze mu kwiga hatagira uwo byavutsa amahirwe yo kugana ishuri, bityo asaba buri wese guhagurukira icyo kibazo yaba abanyeshuri, ababyeyi, abarezi n'abayobozi.

Bwana SINDAYIHEBA Ephrem uri mu bashinzwe uburezi yasabye kwirinda icyatuma umwana ata ishuri kuko ari igihombo kuri we, ku muryango we n'igihugu muri rusange. Yibutsa ko ubuyobozi bwahagurukiye icyo kibazo aho cyagaragara aho ariho hose.

Akarere ka Karongi gafite abanyeshuri basaga ibihumbi 11 biga mu mashuri abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyi ngiro. Hari kurebwa uko abagera kuri 700 basubizwa mu ishuri.

AMAFOTO Y'IBYAGIYE BIKORWA



Mubuga



Rugabano



Rugabano



Mubuga

UMUTEKANO W'U RWANDA URADADIYE-COL RUGAMBWA



Ku ngingo ijyanye n'umutekano, Umuyobozi wa Brigade 201, Col RUGAMBWA Albert yavuze ko udadiye imbere mu gihugu no ku nkiko zacyo. Yungamo ko ibyo biterwa nuko igihugu kiyobowe n'abayobozi bagikunda kandi barimo kurema abandi bazakomeza kugikunda ubuziraherezo.

Tariki 23 Kanama 2023, Mu karere ka Karongi hateraniye inama y'umutekano yaguye yayobowe n'Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKARUTESI Vestine. Zimwe mu ngingo zari ku murongo w'ibiganirwaho harimo; umutekano, Girinka, ibibazo bibangamiye imibereho y'abaturage, ubwisungane mu kwivuzza no gukumira inkongi z'umuriro. Zose zaganiriweho.




ABANYAMABANGA NSHINGWABIKORWA B'IMIRENGE BEMEREYE UMUYOBOZI W'AKARERE KO BATAZATEZUKA MU KWESA IMIHIGO



Mu mwaka wa 2023/2024, Akarere ka Karongi kahize imihigo 113 igizwe na 28 y'ubukungu, 23 y'imiyoborere myiza na 62 y'imibereho myiza.



Tariki 31 Kanama 2023, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge 13 igize Akarere ka Karongi basinyanye imihigo y'umwaka 2023/2024 n'Umuyobozi w'Akarere Madamu MUKARUTESI Vestine akikijwe n'abayobozi b'Akarere bungirije, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'abafatanyabikorwa bako.



Madamu MUKARUTESI yabibukije ko imihigo ari gahunda Umukuru w'Igihugu yashyizeho kugirango abayobozi bakorere ku ntego bihutishe iterambere. Yibutsa ko kuyesa biharanirwa; bisaba gukora cyane, ubufatanye n'ibindi hagamijwe guteza imbere abaturage.



DUTERIMBERE NA TROCAIRE BAGIYE GUHANGANA N'IMIHINDAGURIKIRE Y'IKIRERE MU BATURAGE



Uyu mushinga uzakorerwa mu mirenge itatu y'aka karere witezweho kuzafasha abaturage kugira ubumenyi ku bijyanye n'imihindagurikire y'ikirere, uko bahangana n'izo ngaruka ndetse n'uko babana nazo zitabagiraho ingaruka. Abari mu nama bagaragaje ibyo bifuza ko byazaherwaho muri uwo mushinga.

Kuwa 31 Kanama 2023, ubuyobozi bw'Akarere ka Karongi n'abafatanyabikorwa DUTERIMBERE na TROCAIRE baganiriyemo ku mushinga bagiye gukorera muri aka karere ugamije kurwanya no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere mu baturage [Climate Just Communities Programme]



IMVUNE UBUYOBOZI BW'IGIHUGU BWAGIZE MU GUTANGIZA KOPERATIVE NTIZAPFUYE UBUSA-NIRAGIRE



Tariki 31 Kanama 2023, mu karere ka Karongi hizihijwe Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Koperative.

Umuyobozi wungirije ushinze ubukungu Bwana NIRAGIRE Theophile yagaragaje uburyo urugendo rwo gutangiza koperative mu Rwanda rwagiye rugorana. Atanga urugero rw'Umurenge Sacco.

Imvune ubuyobozi bw'igihugu bwagize ngo ntizapfuye ubusa kuko Koperative Umurenge Sacco iri mu zihamye zifasha abaturage mu kubaha inguzanyo bityo bakiteza imbere. Asaba abagize koperative gukomeza gukorera hamwe banagaragaza ba rusahuriramunduru bashaka kuzisenya.

Yashimiye koperative ku mikorere myiza n'uruhare rukomeye zifite mu kuzamura iterambere ry'akarere ndetse no kuvana mu bukene abanyamuryango bayo, bityo asaba kongerera agaciro ibyo zikora. Koperative zashimiwe uruhare rukomeye mu guteza imbere abanyamuryango.

Yashishikariye za SACCO kugirango zibashe kongera igishoro. Koperative zitandukanye kandi zashimwe zihabwa ibyemezo by'ishimwe kubera imikorere myiza yaziranze.

Mitali Jean de Dieu, umuyobozi w'ishami rya RCA mu Ntara y'Iburengerazuba yibanze ku nsanganyamatsiko y'uyu mwaka "Amakoperative afasha kwihutisha iterambere rirambye", ashimangira ko koperative zifite uruhare rukomeye mu guteza abanyarwanda imbere, azisaba gukomeza kurangwa n'imiyoborere myiza.

Umunsi waranzwe n'imurikabikorwa rya koperative ku bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi, ubucuruzi, serivisi na koperative zitanga serivisi z'imari.





This Newsletter was produced
by

NTAKIRUTIMANA Deus
Public Relations, Media and Communication
Officer

Contacts:

Email: deus.ntakirutimana@karongi.gov.rw

Phone: +250788518907



UBUFATANYE, UMURIMO UNOZE, TWIHUTE MU ITERAMBERE